Kigali, kuwa 31 Ukwakira 2021

Iteganyagihe ryo kuva taliki ya 1 kugeza 10 Ugushyingo 2021

1. Incamake

Mu gice cya mbere cy'ukwezi k'Ugushyingo 2021, Imvura nyinshi iri hagati ya milimetero 120 na 160 iteganyijwe mu ntara y'Iburengerazuba no mu bice by'intara y'Amajyaruguru n'iy'Amajyepfo. Imvura iringaniye iteganyijwe henshi mu bice bisigaye by'igihugu uretse hamwe na hamwe mu ntara y'Iburasirazuba, Umujyi wa Kigali no mu bice by'Amayaga hateganyijwe imvura nke iri munsi ya milimetero 40. Imvura iteganyijwe mu minsi itandatu (6) ya mbere y'iri teganyagihe, nyuma yaho ikazagabanuka kugeza mu mpera z'iminsi icumi y'iri teganyagihe. Umuyaga mwinshi ufite umuvuduko uri hagati ya meteo 8 na metero 10 ku isegonda (8m/s na 10 m/s) uteganyijwe mu bice bike by'igihugu mugihe henshi hateganyijwe umuyaga uringaniye ushyira umuyaga mwinshi ufite umuvuduko uri hagati ya 6m/s na 8m/s. Ingano y'ubushyuhe bwo hejuru buteganyijwe iri hagati ya dogere Selisiyusi (°C) 17 na 29. Ubushyuhe buri hagati ya 26°C na 29°C ni bwo bwinshi buteganyijwe mu mujyi wa Kigali, ikibaya cya Bugarama n'ibice by'Intara y'Iburasirazuba.
Ibice biteganyijwemo imvura nyinshi irimo inkuba ndetse n'ahateganyijwe umuyaga mwinshi barasabwa gufata ingamba ziganisha mu kwirinda ingaruka byateza.

2. Imvura iteganyijwe

Imvura iri hagati ya milimetero (mm) 20 na 160 niyo iteganyijwe mu gihugu mu gice cya mbere cy'ukwezi k'Ugushyingo 2021. Imvura nyinshi iri hagati ya milimetero 120 na 160 iteganyijwe mu Ntara y'Iburengerazuba, no mu turere twa Musanze, Burera, Nyamagabe na Nyaruguru. Imvura iringaniye iri hagati ya milimetero 60 na 120 iteganyijwe mu turere dusigaye tw'intara y'Amajyaruguru n'iy'Amajyepfo ukuyemo igice cy'Amayaga, mu turere twa Rwamagana na Ngoma, mu burengerazuba bw'uturere twa Nyagatare, Gatsibo, Kirehe no mu burasirazuba bw'akarere ka Bugesera. Imvura nke iri hagati ya milimetero 40 na 60 iteganyijwe mu bice bisigaye by'intara y'Iburasirazuba, Umujyi wa Kigali no mu gice cy'Amayaga. Hari íbice bike byo mu turere twa Bugesera, Kayonza, Gatsibo, Nyagatare n'umujyi wa Kigali biteganyijwemo imvura nke iri munsi ya milimetero 40. Iminsi iteganyijwemo imvura iri hagati y'iminsi ine (4) n'iminsi itandatu (6) guhera taliki ya mbere (1) kugeza taliki ya gatandatu (6) Ugushyingo 2021, nyuma yaho ikazagenda igabanuka kugeza mu mpera ziri teganyagihe. Imvura iteganyijwe izaba iri hejuru y'impuzandengo y'imvura isanzwe igwa henshi mu ntara y'Iburengerazuba n'Amajyaruguru n'igice kinini cy'intara y'Amajyepfo, ahandi henshi hasigaye ikazaba iri munsi y'imvura isanzwe igwa; iyi mvura iraterwa ahanini ku isangano ry'imiyaga riri mu karere u Rwanda ruherereyemo.

3. Umuvuduko w'umuyaga uteganyijwe

Mu gice cya mbere cy'Ugushyingo 2021, mu gihugu hateganyijwe umuyaga woroheje ushyira umuyaga mwinshi ufite umuvuduko uri hagati ya 2m/s na 10m/s. Umuyaga mwinshi uri hagati ya 8m/s na 10m/s uteganyijwe mu bice bimwe by'uturere twa Muhanga, Kamonyi, Gakenke, Rulindo, Bugesera, Kirehe, Rusizi, Nyamagabe na Nyanza. Umuyaga uringaniye ushyira umuyaga mwinshi ufite umuvuduko uri hagati ya 6m/s na 8m/s uteganyijwe henshi mu bice bisigaye by'igihugu.

4. Ubushyuhe bwo hejuru buteganyijwe

Mu gice cya mbere cy'Ugushyingo 2021, mu gihugu hateganyijwe ubushyuhe bwo hejuru buri hagati ya 17°C na 29°C. Ubushyuhe buri hagati ya 26°C na 29°C ni bwo bwinshi buteganyijwe mu mujyi wa Kigali, ikibaya cya Bugarama n'ibice byinshi by'intara y'Iburasirazuba. Ubushyuhe bwo hejuru buri hagati ya 17°C na 20°C ni bwo bucye buteganyijwe mu majyaruguru y'akarere ka Musanze, mu burasirazuba bw'uturere twa Rubavu, Rutsiro, burengerazuba bw'uturere twa Ngororero na Nyabihu n'ibice bimwe na bimwe bihereye muri

Parike y'Igihugu ya Nyungwe. Ubushyuhe buteganyijwe buri munsi gato y'ikigero cy'ubushyuhe busanzwe buboneka mu gice cya mbere cy'ukwezi k'Ugushyingo mu Rwanda.

Amakarita akurikira aragaragaza birambuye ingano y'imvura, ubushyuhe n'umuvuduko w'umuyaga biteganyijwe muri buri karere.